

COVID-19 AGATABO K'AMABWIRIZA

Nshuti Babyeyi/Barezi,

Tunejewe no kubagezaho agatabo k'amabwiriza y'ibigo by'amashuri ya leta bibarizwa mu mugi wa Grand Rapids (GRPS) kuri COVID-19.

Aka gatabo k'amabwiriza ni ifashyobora ryihuse ku babyeyi n'abarera abana barerera mu bigo by'amashuri ya leta bibarizwa mu mugi wa Grand Rapids (GRPS) bakwifashisha mu gihe tugihanganye n'icyorezo cya COVID-19.

Iyi ni inyandiko izahora ivugururwa igihe habonetse impinduka cyangwa amakuru mashya.

Niba hari ibibazo ushaka kubaza cyangwa hari amakuru ukeneye, turagusaba kuvugisha ubuyobozi bw'ishuri urereraho.

Murakoze,

Leadriane Roby, Ph.D.

Umuyobozi w'ibigo by'amashuri mu karere

- 02 Imbonerahamwe y'ibipimo kuri COVID-19**
- 03 Kubaza ibibazo by'isuzuma ry'ubuzima ku banyeshuri**
- 04 Kwibuka kugenzura ibimenyetso ku munyeshuri**
- 05 icyakorwa igihe umunyeshuri asanganywe ubwandu/ Yahuye n'uwanduye**
- 06 Ibaruwa imenyeshya umubyeyi igihe habonetse uwanduye**
- 07 Imbonerahamwe y'uburyo akarere gatanga uburenganzira bwo kutambara agapfukamunwa**
- 08 Uburyo bwo gusukura n'inama kuri byo**
- 09 Ibijyanye n'amafunguro**
- 10 Kwibutswa ku bijyanye n'ikoranabuhanga**
- 11 Uburyo bwo gutwara no gucyura abana**
- 12 Kuvugurura imirongo wavugishirizwaho**

COVID-19 IMBONERAHAMWE Y'IBIPIMO

Kumenyesha gahunda yo kongera kwigira hamwe mu ishuri

IGIPIMO

URUGERO RW'UBWANDU MU KARERE

Impuzandengo y'iminsi 7

UBWANDU BUSHYA MU KARERE MU BANTU 100000

Iminsi irenze 14

UBWANDU BUSHYA MU BANTU 100000 BO MU GACE KAMWE

Iminsi irenze 14

UBWANDU BUSHYA MU KARERE MURI MILIYONI 1 Y'ABANTU

Iminsi irenze 7

ANDI MAKURU

Impinduka kuri COVID-19 Abanduye cyangwa abasanganywe ubwandu

INTEGO



IBYAGO BIKE BYO KWANDURA < 5%
Fata ko ari 5-10%



INTEGO ubwandu bwa 1-5 mu bantu ibihumbi 100
fata ko ari ubwandu 6-200 mu bantu ibihumbi 100

INTEGO: Ubwandu bungana cyangwa buri muni y'ubwandu bushya mu karere mu bantu ibihumbi 100
FATA ko: buri hejuru y'ubwandu bushya mu karere mu bantu ibihumbi 100



INTEGO muni ya 7
Fata ko ari A-E



UBUGENZUZI BUKORWA
Nta ntego ihari yihariye

UBUSOBANURO BW'INGERO Z'IBYAGO BYO KWANDURA ZIFITWEHO INTEGO

INGERO Z'IBYAGO BYO KWANDURA

Urugero ruri hasi = <5%
Urugero rwo hagati = 5-8%
Urugero rwo hejuru = 8-10%
Urugero ruruta izindi = >10%

UBWANDU MU BANTU 100000

Urugero rwo hasi = <20
Urugero rwo hagati = 21-50
Urugero rwo hejuru = 51-200
Urugero ruruta izindi = >200

Ubwandu buri hejuru ya 100 mu bantu ibihumbi 100 bari muni y'abatuye akarere: manura urugero rw'ibyago byo kwandura
Mu bwanduri 100 mu bantu ibihumbi 100 bo mu karere: guma ku rugero rumwe rw'ibyago byo kwandura
Ubwandu buri hejuru ya 100 mu bantu ibihumbi 100 barenze abatuye akarere: zamura urugero rw'ibyago byo kwandura

UBWANDU MURI MILIYONI 1 Y'ABANTU:

Urugero rwo hasi = <7
A = 7-20
B = 20-40
C = 40-70
D = 70-150
E = >150

- Ingero z'abashyirwa mu bitaro bitewe na COVID-19
- Umubare w'abapfa bazize COVID-19
- Impinduka ku bwandu - Kwiyongera cyangwa kugabanuka mu minsi 7 ishize hagereranyijwe n'iminsi 7 yabanje.
- Ubushobozi bw'ibikorwaremezo by'ubuvuzi
- Ingamba zose zo kugabanya ubwandu zihari
- Ubwandu bushya bwahererekanijwe mu bigo by'amashuri ya leta bibarizwa mu mugwi wa Grand Rapids (GRPS) mu minsi 14

AHATURUTSE AMAKURU

Imbonerahamwe igenzurirwaho urwego rw'icyorezo muri leta ya Michigan
Ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent.

Ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent.
Ibipimo n'inzira z'ubwandu bigaragazwa n'ikigo gishinzwe gukurikirana no gukumira indwara (CDC)ku biyanye n'ibyago byo kwandura mu bigo by'amashuri

Ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent.
Ibyago by'ikwirakwira rya COVID mu bigo by'amashuri bigaragazwa n'ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent(KCHD)

Imbonerahamwe igenzurirwaho urwego rw'icyorezo muri leta ya Michigan
Ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent.
Ibipimo n'inzira z'ubwandu bigaragazwa n'ikigo gishinzwe gukurikirana no gukumira indwara (CDC)ku biyanye n'ibyago byo kwandura mu bigo by'amashuri

Imbonerahamwe igenzurirwaho urwego rw'icyorezo muri leta ya Michigan
Ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent.
Ibipimo n'inzira z'ubwandu bigaragazwa n'ikigo gishinzwe gukurikirana no gukumira indwara (CDC)ku biyanye n'ibyago byo kwandura mu bigo by'amashuri
Imbonerahamwe yerekana ubwandu bwa COVID-19 ikorwa n'urwego rushinzwe amashuri abanza n'avisumbuye mu karere ka Kent (KISD)
Ibyorezo byasobanuye
Ibiganiro biyanye no gushakisha abahuye n'urwego

Imbonerahamwe y'ibipimo kuri COVID-19 ku bigo by'amashuri ya leta bibarizwa mu mugwi wa Grand Rapids (GRPS) izajya yuzuzwamo amakuru kandi ivugururwe buri cyumweru ku rubuga rw'akarere. Imbonerahamwe y'ibipimo izajya yifashishwa n'abafata ibyemezo mu karere kacyi ari na ko bavugana n'ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent.

COVID-19 ISUZUMA RYA BURI MUNSI RY'UBUZIMA BW'ABANYE- SHURI

Hashingiwe ku mabwiriza y'ikigo gishinzwe kugenzura no gukumira indwara (CDC), ishami rishinzwe ubuzima n'ibikorwa biteza imbere imibereho y'abaturage rya leta ya Michigan n'ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent, ibigo by'amashuri bya leta bibarizwa mu mugwi wa Grand Rapids bizajya byuzurisha abanyeshuri impapuro z'ibibazo by'isuzuma ry'ubuzima rya buri muni igihe bari hamwe mu kigo, bigira hamwe.

ABANYESHURI BO MU MASHURI ABANZIRIZA AY'INSHUKE KUGEZA KU MWAKA WA 5

	Ikiciro A	Ikiciro B
Umunsi amakuru yatangiweho	Ku cyumweru no ku wa mbere	Ku wa gatatu no ku wa kane
Aho amakuru yatangiwe	Imeyiri y'umubyeyi cyangwa ubutumwa bwe bwanditse	Imeyiri y'umubyeyi cyangwa ubutumwa bwe bwanditse

ABANYESHURI BO MU MWAKA WA 6 KUGEZA MU WA 12

	Ikiciro A	Ikiciro B
Umunsi amakuru yatangiweho	Ku cyumweru no ku wa mbere	Ku wa gatatu no ku wa kane
Aho amakuru yatangiwe	Imeyiri y'umunyeshuri, imeyiri cyangwa ubutumwa bugufi byoherejwe n'umubyeyi	Imeyiri y'umunyeshuri, imeyiri cyangwa ubutumwa bugufi byoherejwe n'umubyeyi

Abayobozi b'ibigo by'amashuri cyangwa abo bahisemo kubahagararira bagomba gusubira mu makuru kugira ngo barebe niba hari abanyeshuri basubije "Yego" ku kibazo icyo ari cyo cyose kandi bakaba bitabiriye ishuri uwo muni. Niba hari aho yasubije "Yego", umunyeshuri agomba guhita yoherezwa ahashyirwa abari mu kato kugira ngo asuzumwe byimbitse. Abakozi b'ivuriro ry'ikigo bagenzura ingamba z'ubuzima zose zijyanye na COVID kugira ngo bemeze niba umunyeshuri agomba koherezwa mu rugo cyangwa yasubira mu ishuri.

Abakozi b'ivuriro ry'ikigo batanga amabwiriza agenga ishyirwa mu kato ku banyeshuri, ababyeyi cyangwa abarezi no ku bakozi b'ikigo babishinzwe, bijyanye n'ibikoresho bitangwa n'ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent (KCHD). Ibi bizatuma habaho kunoza ibintu no guhozaho.

Abakozi b'ivuriro ry'ikigo batanga amabwiriza agenga ishyirwa mu kato ku banyeshuri, ababyeyi cyangwa abarezi no ku bakozi b'ikigo babishinzwe, bijyanye n'ibikoresho bitangwa n'ishami rishinzwe ubuzima mu karere ka Kent (KCHD). Ibi bizatuma habaho kunoza ibintu no guhozaho.

Igihe umunyeshuri yitabiriye ishuri akigana n'abandi mu ishuri kandi akaba atujuje urupapuro rw'ibibazo by'isuzuma ry'ubuzima rya buri muni, amakuru agomba gutangwa binyuze kuri imeyiri, ikoranabuhanga ryohereza ubutumwa bwabanje gufatirwa amajwi, n'ubutumwa bwanditse ku banyeshuri/ababyeyi, ku wa gatatu ku kiciro A no ku cyumweru ku kiciro B.

COVID-19 KWIBUKA KUGENZURA IBIMENYE- TSO KU MUNYESH- URI

**Mbere y'uko ajya ku ishuri
urasabwa gusuzuma
umunyeshuri wawe
ibimenyetso bya COVID-19.**

Gumisha umwana wawe mu rugo igihe agaragaje kimwe muri ibi bimenyetso:

- Umuriro ungana na dogere 100,4F cyangwa uri hejuru yawo CYANGWA yumva ashuhiranye cyane
- Inkorora idasanzwe cyangwa impinduka ku nkorora
- Guhumeka insigane
- Kutumva uburyohe n'impumuro bidasanzwe
- Kubabara mu muhogo
- Kugira uburibwe mu mubiri wose
- Impiswi, indutsi, cyangwa iseseme
- Kuribwa cyane n'umutwe
- Umunaniro ukabije
- Uruziruzi cyangwa ibimwira byinshi mu mazuru

Na none kandi gumisha umwana wawe mu rugo:

- Kuba aherutse kwegerana cyangwa kubana n'umuntu wapimwe agasanganwa ubwandu bwa COVID-19
- Umunyeshuri cyangwa uba mu rugo bategereje ibisubizo ku kizamini cya COVID-19.
- Cyangwa abaye yaragiye hanze y'igihugu mu minsi 14 ishize

Niba utekereza ko ibimenyetso umunyeshuri wawe agaragaza bifite aho bihuriye n'irindi suzuma ry'indwara, turagusaba kuvugana n'umuforomo w'ishuri mbere yo kohereza umwana wawe ku ishuri. Ushobora gusabwa kugaragaza ibihamya iri suzuma ry'indwara.

Umwana wawe nagaragaza bimwe muri ibi bimenyetso ari ku ishuri, ishuri rizamushyira mu kato kure y'abandi kandi riguhamagare kugira ngo harebwe uko wajya kumufata. Nitutabasha kuvugana nawe, tuzahamagara imirongo isabirwaho ubufasha bwihuse iri ku rubuga ruhuriweho n'ibigo. Ni ingenzi cyane guhora uvugurura imirongo wavugishirizwaho ku rubuga ruhuriweho n'ibigo. Ntidushobora kuzacyura mu rugo umunyeshuri wawe muri bisi igihe afite ibimenyetso bya COVID-19.

Hazabaho ubwo biba ngombwa ko ababa mu rugo (urugero: abavandimwe) na bo baguma mu rugo. Ku yandi makuru ajyanye n'uko ibi byemezo bifatwa, turagusaba kureba ku mabwiriza y'akarere ka Kent agenewe ibigo by'amashuri unyuze aha www.accesskent.com/Health/CommDisease/pdfs/K-12-COVID19-SYMPTOM-TESTING-PROTOCOL.pdf

COVID-19

Icyakorwa igihe abanyeshuri basanganywe ubwandu cyangwa barahuye n'abanduye

Akarere kagenzura ibisabwa n'ibikorwa byatanze n'ishami rishinzwe ubuzima n'ibikorwa biteza imbere imibereho y'abaturage rya leta ya Michigan (MDHHS) n'urwego rwa leta zunze ubumwe z'Amerika rwita ku mutekano n'ubuzima by'abakozi (OSHA) igihe habonetse uwanduye COVID-19, harimo ibisabwa mu gutanga raporo no kubika amakuru. Akarere gafata imirongo umuntu wese ufite aho ahuriye bya hafi n'uwanduye yavugishirizwaho, uhereye ku minsi ibiri mbere y'uko agaragaza ibimenyetso kugeza igihe aherukira ku ishuri.

Abanyeshuri bose basabwe kubahiriza ipimwa rya COVID-19 rikorwa buri munsu mbere yo kwinjira mu kigo (Reba ku rupapuro rwa 04).



Igihe usubije yego kuri kimwe mu bibazo bijyanye n'isuzuma ry'ubuzima kuri COVID-19 rya buri munsu, ugomba:

- 01 Kuguma mu rugo
- 02 Kumenyesha ishuri wigaho



Igihe uje ku ishuri maze ukagaragaza ibimenyetso igihe uri ku ishuri, ugomba:

- 01 Kumenyesha mwarimu ukwigisha/umuforomo w'ikigo
- 02 Guhita uva mu kigo k'ishuri

Igihe upimwe ugasanganwa ubwandu cyangwa byagaragaye ko wegereye uwanduye (mu ntera ya metero hafi 2 mu gihe cy'iminota 15 cyangwa irenga cyangwa utari wambaye agapfukamunwa – iminota 15 yose hamwe ntigomba kuba igiteranyo cy'iminota 15 inshuro imwe):

- 01 Guma mu rugo cyangwa uhite uva mu kigo k'ishuri.
- 02 Vugana n'umuforomo w'ishuri wigaho. Umuforomo w'ishuri wigaho azashakisha abo mwahuye maze kandi aguhe amabwiriza agenderwaho n'abari mu kato.

COVID-19 IBARUWA IMENYESHA UMUBYEYI IGIHE HABONETSE UWANDUYE

Nshuti Babyeyi/Barezi,

Wakiriye iyi baruwa kubera ko umwana wawe, IZINA, byagaragaye ko yegereye umunyeshuri cyangwa umukozi w'ikigo wasanganywe ubwandu bwa COVID-19. Ubuyobozi bwacu bwamenye ko ku wa ITARIKI igipimo cyagaragaye ubwandu. Dufite inshingano yo kumenya ababa baregereye uwanduye hakurikijwe amabwiriza y'ikigo gishinzwe kugenzura no gukumira indwara (CDC) ari na ko amakuru y'umunyeshuri tuyagira ibanga. Dukomeje ibikorwa twubahiriza amabwiriza y'ishami rishinzwe ubuzima ry'akarere ka Kent. Turabasaba kugumisha umwana wanyu mu rugo maze mugategereza kuvugishwa n'ishami rishinzwe ubuzima ry'akarere ka Kent. Igihe mutavugishijwe n'ishami rishinzwe ubuzima mu masaha 48, turabasaba kuvugisha ubuyobozi bwacu.

Ingamba zose zarafashwe ngo harindwe ubuzima bw'umwana wanyu, zirimo gusukura neza no kwica udukoko mu nyubako zacu. Turagusaba kugenzura niba hari ibimenyetso bya COVID-19 umwana wawe atangiye kugaragaza. Igihe hari impinduka mubonye ku buzima bw'umwana wanyu, turabasaba guhamagara muganga usanzwe ubavura.

Igihe hari ibibazo mushaka kubaza turabasaba kuvugisha umuforomo w'ishuri – SHYIRAHO IMIRONGO WAVUGISHIRIZWAHO

Ibimenyetso bya COVID-19:

- Inkorora
- Kuribwa n'umutwe
- Kugira umuriro (ungana cyangwa urenze 100,4)
- Kutumva uburyohe n'impumuro bidasanzwe
- Uburibwe mu mitsi
- Iseseme cyangwa indutsi
- Ubukonje mu mubiri
- Kubabara mu muhogo

Aho wakura ubufasha bwo guhabwa ubuvuzi no gupimwa:

- Vugisha muganga ukuvura kugira ngo usabe kandi uhabwe gahunda yo gupimwa
- Vugisha ishami rishinzwe ubuzima ry'akarere ka Kent kuri (616) 632-7100
- Hamagara umurongo wa leta ya Michigan ubarizwaho ibijyanye na COVID ari wo (888) 535-6136
- www.michigan.gov/coronavirus

Igihe umunyeshuri wawe agenda agaragaza ibimenyetso cyangwa ategereje igisubizo k'ikizamini cya COVID:

Umunyeshuri wawe agomba kuguma mu rugo. Ababa mu rugo bose bagomba kuguma mu rugo kandi bakaguma mu kato mu minsi 14. ABANYESHURI N'ABAGIZE UMURYANGO NTIBEMEREWE KWITABIRA IBIKORWA BYOSE BY'ISHURI KUGEZA IGIHE ISHAMI RISHINZWE UBUZIMA RY'AKARERE KA KENT RIGARAGARIJE KO NTA KIBAZO BAFITE.

Murakoze,

Izina

Umuyobozi w'ikigo k'ishuri

COVID-19 IBIJYANYE NO KWAMBARA AGAPFUKAM- UNWA

Akarere, hakurikijwe amabwiriza y'ikigo gishinzwe kugenzura no gukumira indwara (CDC) n'aya leta ya Michigan, kashyizeho gahunda yo gusubira kwiga iteganya ko abanyeshuri bagomba kwambara udupfukamunwa bari ku ishuri kugira ngo birinde, barinde abandi banyeshuri n'abandi bese muri rusange. Igihe umunyeshuri atabasha kwambara agapfukamunwa kubera ikibazo cy'ubuzima kemejwe na muganga mu nyandiko, asabwa kwigira kuri murandasi kubera ko uko ubuzima bwe buhagaze bimushyira ndetse bigashyira n'abandi mu kiciro cy'abafite ibyago byinshi byo kwandura. Igihe kubera ikibazo cy'ubuzima kemejwe na muganga mu nyandiko umubyeyi ahisemo uburyo bufatanywa kwigira hamwe mu ishuri no kuri murandasi/kwigira hamwe mu ishuri, akarere gafata ingamba zikurikira mu gusubiza ubu busabe mu buryo bukwiye.

Ingamba zishobora kuba ariko ntizigarukira ku:

- Ingabo yo mu maso
- Amoko anyuranye y'udupfukamunwa
- Ibirahuri bitandukanya abantu
- Gushyiraho gahunda
- Uturuhuko twa hato na hato
- Ibyongerera umuntu imbaraga
- Gushyiraho ibihe by'uturuhuko
- Kongera intera ishyirwa hagati y'umuntu n'undi
- Ahandi hantu hakwigirwa

* **Kwigira kuri murandasi bishobora kuba ngombwa igihe nta ngamba n'imwe muri izi itanze umusaruro.**

IMBONERAHAMWE Y'UBURYO AKARERE GATANGA UBURENGANZIRA BWO KUTAMBARA AGAPFUKAMUNWA

UMUBYEYI ASABIRA UMWANA UBURENGANZIRA BWO KUTAMBARA AGAPFUKAMUNWA

Umunyeshuri afite ikibazo asanganywe cyemejwe na muganga cyujuje ibisabwa muri gahunda yo kwita ku buzima, gahunda ya 504 igira uburenganzira yemerera abafite ubumuga cyangwa gahunda iha uruhushya umunyeshuri ukeneye kwiga mu buryo bwihariye (IEP)

YEGO

Gusuzuma amakuru yatanze no gushyiraho ibyashingirwaho ku kwihanganira kwambara agapfukamunwa

Gusuzuma amakuru yatanze no kugaragaza ibisubizo bikwiye byakongerera umunyeshuri kwihanganira kukambara no KWIGISHA kwambara agapfukamunwa

Gusuzuma amakuru yatanze buri cyumweru mu kongera kwihanganira kukambara aho umuntu ari

Gutanga uburenganzira

Gusuzuma amakuru mu cyumweru cya 3 yatanze kugira ngo hatangwe andi mabwiriza

Harimo ibwiriza ryatuma umwana asubira kwigira kuri murandasi igihe hatabayeho kuzamura urwego.

OYA

Kumenyesha umubyeyi ko hakenewe inyandiko igaragaza uko ubizima bw'umwana buhagaze

Igihe inyandiko yakiriwe, kurikiza uburyo bwatanze n'akarere mu kwemeza ubusabe (Gahunda y'ubuzima, ahunda ya 504 igira uburenganzira yemerera abafite ubumuga cyangwa gahunda iha uruhushya umunyeshuri ukeneye kwiga mu buryo bwihariye (IEP)

AHO WAKURA AMAKURU:

[AccessKent Tool Kit–
www.accesskent.com/
Health/CommDisease/pdfs/
SchoolChildcareToolkit.pdf](http://www.accesskent.com/Health/CommDisease/pdfs/SchoolChildcareToolkit.pdf)

COVID-19 UBURYO BWO GUSUKURA N'INAMA KURI BYO

UBUSOBANURO

Guhanagura bikura udukoko twanduza, umwanda, n'indi myanda ahantu cyangwa ku bintu hakoreshejwe isabuni n'amazi meza. Iki gikorwa ntikica gusa udukoko twanduza ahubwo binagabanya ibyago byo gukwirakwiza ubandu.

Gusukura bigabanya umubare w'udukoko twanduza ahantu cyangwa ku bintu ku rugero rwemewe hakurikijwe amabwiriza y'ubuzima rusange, kandi bituma ku bikoresho hagabanuka ibyago byo gukwirakwiza ubwandu.

Gukoresha imiti yica udukoko byica udukoko twanduza twaba turi ahantu cyangwa ku bintu hakoreshejwe imiti yabigenewe ariko si ko bisukura ahantu hari umwanda. Ni ngombwa ko usukura ahantu n'ibintu ukoresheje isabuni n'amazi meza mbere yo gukoresha imiti yica udukoko.

Ubuzima bw'abanyeshuri n'abakozi buza ku isonga.

Kwambara agapfukamunwa, gukaraba intoki no guhana intera n'abandi uko buri wese abishoboye ni byo bizaba igisubizo cyo gutuma tugira umwaka w'amashuri utekanye.

Gusukura bigabanya ibyago byo gukwirakwiza ubwandu binyuze mu guhanagura no kwica udukoko twanduza

twaba turi aho abantu bakunda gukora. Ishuri umwana wawe yigaho riteguwe hakurikijwe uburyo bwo kurinda abantu.

Imiti y'isukura yakoreshejwe yujuje ibisabwa n'ikigo gishinzwe kuzuzura no gukumira indwara (CDC), n'ikigo gishinzwe kurinda ubuzima bw'abantu no kubungabunga ibidukikije (EPA) n'amabwiriza y'akarere.

- Amashuri arasukurwa buri joro.
- Iminsi 2 mu cyumweru (hagati y'ibyiciro by'abiga mu buryo bufatanyaga kwigira hamwe mu ishuri no kuri murandasi) amashuri asukurwa bihagije.
- Ahakunda gukorwa n'abantu hasukuzwa imiti yica udukoko hakanahanagurwa kenshi mu munsu wose.
- Kurinda abantu gusangira ibikoresho byarateguwe.
- Ubwogero n'ubwiherero rusange n'ahantu abantu bose bakoresha hasukurwa kenshi mu munsu wose w'amasomo.

COVID-19 IBISHYA MU BURYO BWO KUGABU- RIRA ABANA

Kugaburirwa ku ishuri / Gufata ibyo kurya ugahita ubitwara

IFUNGURO RYA MU GITONDO N'IRYA SAA SITA RIHABWA ABIGIRA KU ISHURI

Tuzajya dutanga ifunguro rya mugitondo n'irya saa sita ku ishuri mu minsi yo kwigira hamwe mu ishuri no kuri murandasi ku matsindaa A na B. Ibyo kurya bizajya bitangirwa ahafatirwa amafunguro.

GUFATA IBYO KURYA UKABITWARA:

Igihe ibigo by'amashuri byigishiriza mu mashuri no kuri murandasi icyarimwe, gufata ibyo kurya ugahita ubitwara bizajya bikorwa kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu guhera 12:30 kugeza saa 1:30 z'amanywa kuri buri kigo cy'ishuri mu karere ku banyeshuri bigira kuri murandasi. Umunyeshuri wese wiga mu bigo by'amashuri ya leta bibarizwa mu mugi wa Grand Rapids (GRPS) ashobora guhabwa ibyo kurya aho ibigo byacu biherereye hose.

COVID-19 KWIBU- TSWA KU BIJYANYE N'IKORANA- BUHANGA

Nshuti Babyeyi/Barezi,

Tubandikiye kugira ngo tubamenyeshe amakuru mashya ku gutanga no gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Tubaye nk'ababibutsa, mbere y'itangira ry'amashuri mu kwezi kwa Kanama, twatangaje ko akarere kari gutanga ibikoresho by'ikoranabuhanga ku banyeshuri BOSE (ibikoresho bizwi nka 'iPads' ku banyeshuri bo mu mashuri abanziriza ay'inshuke kugeza mu mwaka wa 1 n'ibikoresho bikoresha ikoranabuhanga rya 'Chrome' ku banyeshuri bo mu mwaka wa 2 kugeza mu wa 12).

Igihe kwigira hamwe mu ishuri bizaba bishoboka, abanyeshuri bazaba bagomba kwitwaza no gukoresha ibikoresho byabo by'ikoranabuhanga bahawe n'akarere kugira ngo babyifashishe bigira hamwe mu ishuri. Turashishikariza ababyeyi bese gufata umwanya bakajya gufata ibikoresho by'ikoranabuhanga by'abana babo.

Dushishikajwe kandi no gukorana n'imiryango mu gukora ku buryo abanyeshuri babasha kubona murandasi nziza (murandasi nziramugozi isangizwa na murandasi itangwa n'ikigo cya Comcast yishyurwa n'abaterankunga).

Turagusaba kwaka randevu uhamagara (616) 301-1111:

- Igihe ukeneye gufata igikoresho cy'ikoranabuhanga cy'abana
- Igihe ukeneye ubufasha ku kubona murandasi
- Igihe ukeneye ko igikoresho cy'ikoranabuhanga cy'umwana wawe kidakora neza gikorwa

Iminsi n'amasaha ikigo gitanga serivisi zijyanye n'ikoranabuhanga gikora ni:

- Buri wa kabiri guhera saa 9:00 kugeza saa sita z'amanywa.
- Buri wa kane guhera saa 1:00 z'amanywa kugeza saa 6:00 z'umugoroba.

Ikigo gitanga serivisi zijyanye n'ikoranabuhanga giherereye mu ishuri ry'inshuke rya Franklin Campus Early Childhood Center rihereye mu mugwi wa Grand Rapids kuri iyi aderesi (1326 Thomas St. SE, Grand Rapids, MI 49506).

Twongeye kubashimira ku bwo kwihangana, kumva no kudufasha kwanyu.

Murakoze,

Leadriane Roby, Ph.D.

Umuyobozi w'ibigo by'amashuri mu karere

COVID-19 AMAKURU MASHYA KU MA BISI ATWARA ABANA

**NOMERO YA TELEFONI NSHYA
Y'IBIJYANYE NO GUTWARA ABANA
(616) 819-6100**

AMABWIRIZA YO KURINDA UBUZIMA AGENGA UBURYO BWO KUGENDERA MURI BISI Z'UMUHONDO:

- Udupfukamunwa ni itegeko
- Kwicara mu myanya yagenwe bizaba ari itegeko
- Abashoferi bazaba bafite ibishushanyo bigaragaza uko abana bagomba kwicara mbere y'umunsi wa mbere w'itangira ry'amashuri.
- Imyanya ibiri ya mbere muri buri ruhande rwa bisi ntiyicarwamo
- Guhana intera n'abandi ni itegeko
- Abavandimwe bashobora kwicarana

COVID-19 KUVUGU- RURA IMIRONGO WAVUGIS- HIRIZWAHO

Nshuti Babyeyi/Barezi,

Kubera impamvu zigenda ziboneka n'ibyemezo bifatwa birebana na COVID n'ibigo byacu by'amashuri, ni ngombwa cyane ko akarere n'ibigo by'amashuri bagira imirongo ababyeyi bavugishirizwaho n'inwandiko zitanga uburenganzira z'ababyeyi n'abarera abana.

Ababyeyi n'abarera abana bagomba guha uburenganzira akarere n'ibigo by'amashuri binyuze mu kohereza imeyiri, ubutumwa bwabanje gufatirwa amajwi n'ubutumwa bwanditse. Ababyeyi n'abarera abana babona inwandiko zitanga uburenganzira zuzuzwa banyuze kuri konti yabo yo ku rubuga rwa ParentVue. Ukenera nomero iranga umunyeshuri wawe kugira ngo wuzuze inwandiko itanga uburenganzira, na yo iboneka ku rubuga rwa ParentVue.

Turagira inama ababyeyi n'abarera abana bose ko bahitamo bumwe cyangwa uburenze ubumwe muri ubwo buryo bw'itumanaho.

[Kanda aha kugira ngo wuzuze inwandiko itanga uburenganzira.](#)

Turashishikariza ababyeyi n'abarera abana kandi gukanda 'like' kuri paji y'akarere n'iy'ikigo cy'ishuri umwana yigaho kuri Facebook no gusura urubuga rw'akarere kuri [grps.org](https://www.grps.org) kugira ngo babone amakuru y'ingenzi.

Igihe hari ibibazo ushaka kubaza, turagusaba kuvugisha ubuyobozi bw'ikigo umwana wawe yigaho. Ndabashimiye!

Murakoze,

Leadriane Roby, Ph.D.

Umuyobozi w'ibigo by'amashuri mu karere